**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO No.00006/2019/TGI/RSZ GITEGEKA UMUBURANYI WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Twebwe NDAGIJIMANA Mathias, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi warwo.

Tumaze kubona ko kuwa 20/6/2018, Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko ICYINGENEYE Callixte na UWIZEYE Evariste, icyaha cy'ubujura, giteganya kandi kigahanishwa ingingo ya 170 y'itegeko n°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ikirego kigahabwa nimero RP00218/2018/TGI/RSZ.

Tumaze kubona ko BAYIZERE Evariste mwene BISENGIMANA Jerome na NYIRARWIMO Marie wavutse tariki ya 01/1/2000 mu mudugudu wa KABAYEGO, akagari ka KARANGIRO, umurenge wa NYAKARENZO, akarere ka Rusizi, intara y'Iburengerazuba, mu gihugu cy'u Rwanda akaba ari naho atuye, yarezwe nk'uwatorotse ubutabera kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n'iya 213 z'itegeko $n^{0}$30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha.

Dutegetse ko BAYIZERE Evariste agomba kwitaba urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI kuwa **18/3/2019** saa mbiri za mu gitondo, aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko akaburanishwa adahari.

Dutegetse ko ikicyemezo gitangazwa mu kinyamakuru IMVAHO NSHYA kandi kikamanikwa kubiro by' Akagali ka KARANGIRO, umurenge wa NYAKARENZO no kubiro by'Akarere ka RUSIZI ndetse iki cyemezo kigatangazwa no kurubuga rw'ikoranabuhanga ry'Urukiko rw'Ikirenga.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe I Rusizi none kuwa 06/2/2019.

**NDAGIJIMANA Mathias**
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**
**UMWANDITSI**